



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA MUTARAMA 2020

10 Gashyantare 2020

IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2020

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,3% mu kwezi gushize kwa Mutarama 2020 ugereranyije na Mutarama 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 6,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongereyeho 7,3% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 15,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 21,1% n'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,4%.

Iyo ugereranyije Mutarama 2020 na Mutarama 2019, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 4,0%.

Wagereranya ukwezi kwa mbere (Mutarama 2020) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2019), ibiciro byazamutseho 0,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,6%

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Mutarama 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 14,6% ugereranyije na Mutarama 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 15,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongereyeho 14,6% mu kwezi kwa Mutarama ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 25,1% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 24,7%.

Ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2020) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2019), ibiciro byagabanutseho 1,1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,9%.

Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Mutarama 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 11,5% ugereranyije na Mutarama 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 11,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongereyeho 11,5% mu kwezi kwa Mutarama 2020 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 22,2% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 23,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa mbere (Mutarama 2020) n'ukwezi kwa cumi na kabiri (Ukuboza 2019) ibiciro byagabanutseho 0,4%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,8%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2019 kugeza muri Mutarama 2020.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2019 kugeza muri Mutarama 2020													
<i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2019												2020
	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	1,0	0,8	1,1	0,2	0,0	0,9	1,9	2,3	3,1	4,4	6,9	6,7	7,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	-0,4	-1,3	0,4	-0,7	-0,7	0,9	1,3	3,2	5,8	9,2	15,5	15,8	14,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	0,2	-0,4	0,7	-0,3	-0,4	0,9	1,6	2,8	4,6	7,2	11,8	11,9	11,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,0	0,3	1,1	0,3	0,9	0,0	0,0	0,9	0,9	0,6	1,9	-0,3	0,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	0,0	-0,4	3,1	1,2	0,8	-0,1	-0,2	2,5	2,2	1,9	5,2	-1,1	-1,1
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	0,0	-0,1	2,2	0,9	0,8	-0,1	-0,1	1,8	1,6	1,4	3,8	-0,8	-0,4

Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw